RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 12-19 Kanama

U20/U18 AFRICAN MEN'S HANDBALL CHAMPIONSHIP RWANDA 2022

P1. Handball: Haratangira imikino y'igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 20

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mpira w'amaguru yatangiye

P1 **Handball:** Haratangira imikino y'igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 20

P2 **Triathlon:** Ilya Slepov na Berber Kramer ni bo begukanye IRONMAN 70.3 Rwanda 2022

P3 **Kung Fu Wushu:** Ikipe ya Black Scorpion yegukanye irushanwa ry'abakiri bato

P4 **Football:** AS Kigali yegukanye igikombe kiruta ibindi mu Rwanda itsinze APR FC

P4 **ARPST:** Uko imikino ya shampiyona y'Abakozi yagenze

P5 **Basketball:** Hamenyekanye amakipe azahatanira igikombe cya shampiyona

## 1 **Football:** Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mpira w'amaguru yatangiye

Ejo taliki 19 Kanama 2022 ni bwo hatangiye shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru umwaka w'imikino wa 2022-2023.

Mu mikino y'umunsi wa mbere yabaye, ikipe ya APR FC ifite igikombe cya shampiyona giheruka yitwaye neza itsinda Musanze FC ibitego 2-1 naho AS Kigali yabaye iya kabiri itsinda Etincelles FC ibitego 2-0. Ikipe ya Police FC yatsindiwe i Nyagatare na Sunrise FC igitego 1-0.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 19-08-2022**

- AS Kigali 2-0 Etincelles FC
- APR FC 2-1 Musanze FC
- Espoir FC 1-0 Marines FC
- Sunrise FC 1-0 Police FC

**Indi mikino iteganyijwe**

**Taliki 20-08-2022**

- Bugesera FC-Kiyovu (Nyamata-15h00)
- Rwamagana City FC-Gorilla FC (Ngoma-15h00)
- Gasogi United-Mukura (Regional-15h00)
- Rayon Sports-Rutsiro FC (Regional-18h30)




*APR FC ikina na Musanze FC*



AS Kigali ikina na Etincelles FC

## **Handball:** Haratangira imikino y'igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 20

Kuva kuri uyu wa Gatandatu taliki 20 Kanama 2022, mu Rwanda haratangira irushanwa ry'imikino y'igikombe cy'Afurika ry'abatarengeje imyaka 20 mu mukino wa Handball igiye kuba ku nshuro ya 29 "U-20 African Men's Handball Championship Rwanda 2022".

Iyi mikino izatangira taliki 20 igasozwa 27 Kanama 2022 yitabiriwe n'amakipe 8 aho yashyizwe mu matsinda abiri. Itsinda A rigizwe n'u Rwanda, Tunisia, Maroc, Angola na ho itsinda B rigizwe na Misiri, Algeria, Congo Brazzaville na Libya.

Ku munsi wa mbere w'iyi mikino hatagenyijwe umukino umwe ugomba guhuza ikipe y'u Rwanda na Angola guhera saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00) muri BK Arena. Gusa mbere y'uyu mukino guhera saa kumi n'imwe (17h00) hateganyijwe ibirori byo gufungura ku mugaragaro iyi mikino.

Iyi mikino izakomeza taliki 21 Kanama 2022 aho mu itsinda B Misiri izaki na Libiya (16h00) naho Algeria ikine na Congo Brazzaville (18h00). Taliki 22 Kanama 2022, Angola izakina na Tunisia (13h000), Libya ikine na Algeria (15h00), Misiri ikine na Congo Brazzaville (17h00) naho ikipe y'u Rwanda ikine na Maroc (19h00). Taliki 24 Kanama 2022, ikipe ya Congo Brazzaville izakina na Libya (13h00), Algeria ikine na Misiri (15h00), ikipe ya Maroc ikine na Angola (17h00) naho ikipe ya Tunisia ikine n' u Rwanda (19h00).

Umukino wa nyuma mu matsinda uzaba taliki 25 Kanama 2022 aho ikipe ya Tunisia izakina na Maroc (19h00). Taliki 26 Kanama 2022 hazaba imikino ya ½ ndetse n'iyo guhatanira imyanya hanyuma taliki 27 Kanama 2022 habe umukino wa yuma n'uwo guhatanira umwanya wa 3. Iyi mikino izabera muri BK Arena.

Biteganyijwe ko amakipe 4 ya mbere azabona itike yo kuzaserukira Afurika mu mikino y'igikombe cy'Isi "IHF Men's Junior World Handball Championship 2023", imikino izaba ibaye ku nshuro ya 24 ikazabera mu Budage no mu Bugereki kuva taliki 20 kugeza 02 Nyakanga 2023.

Nyuma y'iyi mikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 20 hazakurikiraho imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 18 izaba ibaye ku nshuro ya 18 "U-18 African Men's Handball Championship Rwanda 2022". Imikino izatangira taliki 30 Kanama isozwe taliki 06 Nzeri 2022.



# 2 **Triathlon:** Ilya Slepov na Berber Kramer ni bo begukanye IRONMAN 70.3 Rwanda 2022

Taliki 14 Kanama 2022 mu Karere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba habereye irushanwa ryo ku rwego mpuzamahanga mu mukino wa Triathlon "IRONMAN 70.3 Rwanda 2022".




Iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya mbere, abasiganwa barenga 200 bahatanye mu mikino itatu ikomatanyije irimo Koga "Swimming", Kunyonga igare "Cycling" no Kwiruka n'amaguru "Running".

Mu koga basiganywe kilometero 1,9 hanyuma mu kunyonga igare basiganwa kilometero 90 naho mu kwiruka n'amaguru basiganwa kilometero 21.1 aho basoje bakoze intera ya kilometero 113.


Mu koga hakoreshejwe ikiyaga cya Kivu, hanyuma abakinnyi bavamo bafata igare bahereye kuri Serena Hotel bakomereza i Kigufi kuri Kivu Paradis Resort barakata bagaruka kuri Serena Hotel aho bazengurutse inshuro 4.

Nyuma yo gusiganwa ku igare hakurikiyeho gusiganwa n'amaguru aho abasiganwa bavuye kuri Serena Hotel bagakomeza umuhanda wa Grande Barrière-Petite Barrière bakomereza kuri RRA basubira kuri Serena Hotel aho bazengurutse inshuro 3.

Mu bagabo, Ilya Slepov (Russia) ni we wegukanye iri siganwa aho muri ibi bice byose yasoje akoresheje amasaha 4, iminota 25 n'amasegonda 24. Yakurikiwe na Stuart Hayes (England) wakoresheje amasaha 4 iminota 25 n'ibice 27 naho ku mwanya wa 3 haza Maximilien Von Berg (France) wakoresheje amasaha 04, iminota 32 n'amasegonda 53.

Muri iki cyiciro, abakinnyi b'Abanyarwanda bitabiriye ni 9 aho Tuyisenge Samuel ukinira ikipe ya CS Karongi ari we witwaye neza kuko yasoreje ku mwanya wa 7 akoresheje amasaha 4, iminota 54 n'amasegonda 2.

Abandi Banyarwanda imyanya basorejeho; Ishimwe Heritier yaje ku mwanya wa 8 (04h59'21"), Dusabe Claude yasoreje ku mwanya wa 12 (05h17'25"), Iradukunda Eric yasoreje ku mwanya wa 16 (05h35'56"). Cyuzuzo Kenny yasoreje ku mwanya wa 19 (05h46'19"), Uwimana Elise asoreza ku mwanya wa 24 (05h59'01"), Kayoboke Paul yasoreje ku mwanya wa 52 (06h38'06"), Dorian Mpiranya asoreza ku mwanya wa 53 (06h39'23") naho Mwami Samuel asoreza ku mwanya wa 54 (06h43'55").




*Umurusiya Ilya Slepov yegukanye irushanwa rya IRONMAN 70.3 mu bagabo*

Mu cyiciro cy'abakina nk'ikipe aho umukinnyi umwe akina umukino umwe undi agakina undi, ikipe M9 yari igizwe na Ngendahayo Germain, Muhayimana Japhet na Eliezer Bigoreyiki yegukanye umwanya wa mbere ahoyakoresheje amasaha 4, iminota 22 n'amasegonda 23. Ku mwanya wa kabiri haje ikipe ya Rwanda Beyond yari igizwe na Matthew Brokenshire wasiganwe mu Koga, Ruberwa Jean wasiganwe ku igare na Rukara Fazili wasiganwe ku maguru. Iyi kipe yakoresheje amasaha 4, iminota 27 n'amasegonda 48.

Ikipe yari igizwe na Mutabazi Emmanuel, Twibanirenimana Jean De Dieu na Gatete Vital ni yo yegukanye umwanya wa 3 aho yakoresheje amasaha 4, iminota 39 n'amasegonda 56.

Mu bagore, Berber Kramer ukomoka mu Buholandi ni we wegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje amasaha 5, iminota 8 n'amasegonda 52. Yakurikiwe na Khadiga Amin ukomoka mu Misiri wakoresheje amasaha 5, iminota 34 n'amasegonda 27 naho ku mwanya wa 3 haza Ka Wai Lee ukomoka muri Hong Kong wakoresheje amasaha 5, iminota 38 n'amasegonda 58.

Umukinnyi w'Umunyarwanda, Uwineza Hanani yasoreje ku mwanya wa 8 aho yakoresheje amasaha 6, iminota 13 n'amasegonda 24.

Iri rushanwa ni inshuro ya mbere ribereye mu Rwanda akaba ari n'inshuro ya mbere kandi ribereye mu gice cy'Afurika y'Uburasirazuba n'Uburengerazuba kuko u Rwanda ni igihugu cya 4 ribereyemo nyuma y' Afurika y'Epfo, Misiri na Maroc.

Minisitiri wa Siporo, Munyangaju Aurore Mimosa yatangaje ko Leta y'u Rwanda yashyize ingufu mu bijyanye n'ubukerarugendo bushingiye kuri siporo. Yashimiye kandi abitabiriye bose uko bitwaye by'umwihariko abaserukiye u Rwanda anasaba ko bakomeza kwitegura kugira ngo umwaka utaha bazitware neza kurushaho.

Irushanwa "IRONMAN 70.3 Rwanda 2022" ryateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri ya Siporo mu Rwanda "MINISPORTS" n'abafatanyabikorwa batandukanye barimo RDB binyuze muri gahunda ya Visit Rwanda, Inyange, RwandAir n'abandi batandukanye.

Abakinnyi bitwaye neza 45 barimo Abanyarwanda 5 babonye itike yo kuzitabira shampiyona y'isi "IRONMAN 70.3 World Championship 2023" izabera mu mujyi wa Lafti muri Finland. Umwaka utaha iri rushanwa "IRONMAN 70.3 Rwanda 2023" rizabera i Rubavu taliki 23 Nyakanga 2023.

# 3 Kung Fu Wushu: Ikipe ya Black Scorpion yegukanye irushanwa ry'abakiri bato

Ikipe ya Black Scorpion yo mu Karere ka Kayonza ni yo yegukanye irushanwa ry'abakiri bato mu mukino njyarugamba wa Kung Fu Wushu "National Junior Wushu Championships 2022" ryabereye mu Karere ka Ngoma taliki 14 Kanama 2022.

Iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya kabiri ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda "RKWF" mu rwego rwo gufasha abakiri bato kwimenyereza uyu mukino no kuzamura impano zabo.

Muri rusange ryitabiriwe n'abana 108 bafite hagati y'imyaka 4 na 15 barimo 40 b'abakobwa na 68 b'abahungu baturutse mu makipe 17. Aba bakinnyi bahatanye mu kwiyereka "Taolu" mu byiciro bitandukanye by'imyaka harimo abafite hagati y'imyaka 4 na 7, abafite hagati ya 8 na 10 n'abafite hagati y'imyaka 11 na 15.

Nyuma yo guhatana, ikipe ya Black Scorpion mu Karere ka Kayonza ni yo yitwaye neza yegukana umwanya wa mbere aho yegukanye imidali 15 harimo 8 ya Zahabu, 4 ya Feza n'indi 3 y' Umuringa. Ikipe ya Gasabo Wushu yaje ku mwanya wa kabiri nyuma yo kwegukana imidali 7 harimo 1 wa Zahabu, 4 ya Feza n'indi 2 y'Umuringa naho ku mwanya wa 3 haza ikipe Black Eagle Ngoma yegukanye imidali 4 harimo umwe wa Feza n'indi 3 y'Umuringa.

Perezida wa RKWF, Uwiragiye Marc yatangaje ko irushanwa muri rusange ryagenze neza kandi ryitabiriwe ku bwinshi bikaba bitanga icyizere cy'ejo hazaza heza h'uyu mukino.

Agaruka ku bwitabire yagize ati: "Amakipe 17 muri 31 ni yo yitabiriye, mwabonye ko hari n'ikipe yavuye i Rubavu ikaza i Ngoma, ibi biragaragaza ko bafite ishyaka n'umurava."

Mu bakinnyi bitabiriye harimo 40 b'abakobwa, aha Perezida wa RKWF, Uwiragiye avuga ko bishimiye ubu bwitabire kuko bigaragaza iterambere ry'umukino mu byiciro byose.

Umuyobozi muri Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" ushinzwe ingaga n'amashyirahamwe y'imikino, Habyarimana Florent yatangaje ko bishimiye uruhare rwa RKWF mu guteza imbere impano z'abana.

Yagize ati: "Biragaragara ko iterambere rya siporo rigomba gushingira ku bakiri bato, iki gikorwa ni cyiza kuko cyatumye tubona ko hari impano. Nka Minisiteri rero tuzakomeza gushyigikira RKWF muri ibi bikorwa bigamije iterambere rya siporo mu bakiri bato."

**Amakipe 17 yitabiriye**

Amakipe yitabiriye iri rushanwa ni Tsen Sport, Tiger Wushu, Muhanga Shaolin Tiger, Rwamagana Chin woo, Ging Hu Kabuga, Chow Gar Mantis, Chin woo orgasation, Musanze Shaolin Temple, Angel Kung-fu Club, Black Eagle Ngoma, Black Scropion Kayonza, Gasabo Wushu, Lion Wushu Nyagatare, Mahoko Kung fu Wushu, Ryabizige Wushu Club, Rubavu Wushu na Dragon Wushu Batsinda.

Ubwo iri rushanwa ryabaga ku nshuro ya mbere muri Nyakanga 2019 ryabereye mu Kigo cy'Urubyiruko ku Kimisagara ryitabirwa n'abana 175 baturutse mu makipe 15. Aba bana barimo abahungu 111 n'abakobwa 64. Ikipe ya Black Eagle yo mu Karere ka Ngoma ni yo yitwaye neza yegukana imidali 16 ikurikirwa na Black Scorpion yo mu Karere ka Kayonza yegukanye imidali 15 mu gihe ikipe ya 3 yabaye Mantis Academy ibarizwa mu Mujyi wa Kigali yegukanye imidali 9.





## Football: AS Kigali yegukanye igikombe kiruta ibindi mu Rwanda itsinze APR FC

Ikipe ya AS Kigali yegukanye igikombe kiruta ibindi "Super Cup 2022" itsinze ikipe ya APR FC kuri penaliti 5-3 nyuma yo kunganya 0-0 mu minota 120.

Uyu mukino uhuza ikipe yegukanye shampiyona n'iyegukanye igikombe cy'Amahoro wabaye taliki 14 Kanama 2022 kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.

Ikipe ya APR FC yegukanye shampiyona ya 2021-2022 na ho AS Kigali yegukana igikombe cy'Amahoro 2022.

Muri uyu mukino, ikipe ya APR FC yahushije penaliti yatewe na Byiringiro Lague ku ikosa ryari rikorewe Niyibizi Ramadhan ku munota wa 27 w'umukino.

Nyuma yo kumara iminota 90 isanze y'umukino amakipe anganya 0-0 hongeweho iminota 30 y'inyongera nayo irangira amakipe anganya 0-0.

Kugira ngo hamenyekane ikipe yegukana igikombe hitabajwe penaliti maze AS Kigali yinjiza 5 kuri 3 za APR FC.

Ikipe ya AS Kigali ubu ni ubugira gatatu yegukana iki gikombe nyuma yo kugitwara muri 2013 itsinze Rayon Sports igitego 1-0 ndetse no muri 2019 na bwo itsinze Rayon Sports kuri penaliti 3-1 nyuma yo kunganya ibitego 2-2.

Nyuma yo kwegukana iki gikombe kiruta ibindi, ikipe ya AS Kigali iratangira shampiyona y'icyiciro cya mbere ya 2022-2023 yakira Etincelles FC taliki 19 Kanama 2022 kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.





## ARPST: Uko imikino ya shampiyona y'Abakozi yagenze

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 12 Kanama 2022, imikino ya shampiyona y'abakozi yarakomeje.

**Uko imikino yagenze**

**Football**

- REG 1-3 RBA
- MINAGRI 2-7 RISA

**Volleyball**

- UR 3-0 NISR
- WASAC 3-0 RRA
- MINISANTE 3-0 RMS
- RwandAir 3-0 MOD

**Basketball (Women)**

- REG 68-16 UR

**Basketball (Men)**

- MINECOFIN 45-66 IPRC-Kigali
- BPR 59-27 BRALIRWA





# **Basketball:** Hamenyekanye amakipe azahatanira igikombe cya shampiyona

Taliki 12 kugeza 14 Kanama 2022 habaye imikino isoza shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Basketball mu Rwanda.

Nyuma y'iyi mikino hamenyekanye amakipe 4 azakina imikino ya kamarampaka "Playoffs" kugira ngo haboneke ikipe izegukana igikombe cya shampiyona ya 2022.

Mu bagabo, ikipe Patriots BBC yitwaye neza itsinda REG BBC ihita ifata umwanya wa mbere n'amanota 46 naho REG BBC iza ku mwanya wa kabiri na yo n'amanota 46. Ku mwanya wa 3 haje APR BBC n'amanota 45 mu gihe ku mwanya wa 5 haje ikipe ya Tigers n'amanota 39. Mu mikino ½ ya "Playoffs 2022" izatangira taliki 26 Kanama 2022, ikipe ya Patriots BBC izakina na Tigers BBC naho REG BBC ikine na APR BBC. Ikipe izakomeza ku mukino wa nyuma igomba gutsinda imikino ibiri.

Mu bagore amakipe azakina imikino ya ½ ya "Playoffs 2022" ni REG BBC yabaye iya mbere n'amanota 23, APR BBC yabaye iya kabiri n'amanota 23, IPRC Huye ya 3 n'amanota 20 na The Hoops iri ku mwanya wa 4 n'amanota 18. Muri ½, ikipe ya REG BBC izahura na The Hoops na ho APR BBC ihure na IPRC Huye.

**Imikino ya shampiyona yabaye mu bagabo**

**Taliki 12-08-2022**

- UGB 41-86 APR BBC
- Patriots BBC 83-78 REG BBC

**Taliki 13-08-2022**

- Rusizi BBC 63-62 IPRC Huye BBC
- shoot for the Stars BBC 84-58 IPRC Kigali

**Taliki 14-08-2022**

- Rusizi BBC 105-38 UR CMHS




RWANDA BASKETBALL LEAGUE
MEN

ROUND 2 RANKING 15/08/2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | PATRIOTS BC | 24 | 22 | 2 | 0 | 46 | 2041 | 1330 | 711 |
| 2 | REG BBC | 24 | 22 | 2 | 0 | 46 | 2191 | 1402 | 789 |
| 3 | APR BBC | 24 | 21 | 3 | 0 | 45 | 2036 | 1315 | 721 |
| 4 | TIGERS BBC | 24 | 15 | 9 | 0 | 39 | 1785 | 1588 | 197 |
| 5 | ESPOIR BBC | 24 | 14 | 10 | 0 | 38 | 1703 | 1628 | 75 |
| 6 | UGB | 24 | 13 | 11 | 0 | 37 | 1726 | 1434 | 292 |
| 7 | SHOOT 4 STARS | 24 | 12 | 12 | 0 | 36 | 1727 | 1635 | 92 |
| 8 | RP-IPRC KIGALI | 23 | 13 | 9 | 1 | 35 | 1581 | 1435 | 146 |
| 9 | RP-IPRC HUYE | 23 | 10 | 13 | 0 | 33 | 1673 | 1440 | 233 |
| 10 | RP-IPRC MUSANZE | 24 | 6 | 18 | 0 | 30 | 1368 | 1835 | -467 |
| 11 | RUSIZI BBC | 24 | 5 | 19 | 0 | 29 | 1380 | 1865 | -485 |
| 12 | UR HUYE | 24 | 2 | 22 | 0 | 26 | 1262 | 2124 | -862 |
| 13 | UR CMHS | 24 | 0 | 24 | 0 | 24 | 1039 | 2490 | -1451 |

PG: Played Games W: Win L: Loss F: Forfeit PTS: Points GD: Goal Difference




RWANDA BASKETBALL LEAGUE
WOMEN

ROUND 2 RANKING 15/08/2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 12 | 11 | 1 | 23 | 1195 | 533 | 662 |
| 2 | APR BBC | 12 | 11 | 1 | 23 | 1134 | 499 | 635 |
| 3 | RP-IPRC HUYE | 12 | 8 | 4 | 20 | 955 | 608 | 347 |
| 4 | THE HOOPS RWA | 12 | 6 | 6 | 18 | 756 | 590 | 166 |
| 5 | GS MARIE REINE | 12 | 4 | 8 | 16 | 635 | 754 | -119 |
| 6 | UR CMHS | 12 | 1 | 11 | 13 | 326 | 1129 | -803 |
| 7 | UR HUYE | 12 | 1 | 11 | 13 | 391 | 1279 | -888 |

PG: Played Games W: Win L: Loss PTS: Points GD: Goal Difference

Muri iki cyiciro hasigaye umukino umwe w'ikirarane uzahuza ikipe ya IPRC Huye na IPRC Kigali, uyu mukino biteganyijwe ko uzaba taliki 20 Kanama 2022.




*Ikipe ya Patriots BBC ikina na REG BBC*

RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave